**Umunsi wa gatanu: Ku wa kabiri 15/10/2019**

- **Indirimbo:** Ndi uwawe Nyagasani Yezu (reba Igitabo cy'Umukristu, indirimbo X19, urup.392 )
- **Isengesho**
- **Insanganyamatsiko:** " Kugira urukundo ruduhagurutsa tugasanga abandi"
- **Ijambo ry'Imana:** Yh 15,12-14
- **Umuyoboro w'ibitekerezo:**

- Inshuti nyayo ya Yezu ni ihaguruka ikajya kumushakira izindi ncuti. Ni cyo Yezu adutegeka: gusakaza urukundo mu bantu bose.
-Ese ubona ukwemera ufite kumariye iki abandi? Ni izihe mbuto zisoromwa ku kwemera kwawe?
**Umugambi:** Kwiyemeza kutihugiraho no kwegera abakiri mu mwijima tukababera urumuri.
**Isengesho ryo gusabira gusabira ukwezi kudasanzwe kw'Iyogezabutumwa**

**Umunsi wa gatandatu: Ku wa gatatu 16/10/2019**

**Indirimbo :** Ibyo dutunze byose ni ibyawe Nyagasani (reba Igitabo cy'Umukristu, indirimbo B 18, urup. 260)

- **Isengesho**
- **Insanganyamatsiko:** "Gufasha Iyogezabutumwa utanga inkunga"
- **Ijambo ry'Imana:** 2Kor 8, 12-15
- **Umuyoboro w'ibitekerezo:**

Abakristu dukwiye kuba magirirane, Hirya no hino ku isi hari abakristu bakeneye inkuga kugira ngo bashobore kubaho no gukorera Imana Umubyeyi wa twese. Ese mujya mubazirikana? Mu mikoro make yanyu se mujya mwibuka ko mukwiye kubagoboka?
**Umugambi:** Gukuzanya inkunga yo kohereza abakristu bari mu kaga hirya no hino ku isi.
Isengesho ryo gusabira gusabira ukwezi kudasanzwe kw'Iyogezabutumwa

**Umunsi wa karindwi : Ku wa kane 17/10/2019**

- **Indirimbo:** Ndashaka kugukorera (reba Singizwa 7 (77), urup. 53)
- **Isengesho**
- **Insanganyamatsiko:** "Gutera inkunga abogezabutumwa"
- **Ijambo ry'Imana:** Mt 10,42



- **Umuyoboro w'ibitekerezo:**

Uzaba yaragiriye neza umuvandimwe we kubera ko ari umwigishwa wa Kristu azabona ingororano.
-Ese waba uzi uko wafasha abigishwa ba Kristu?
- Ese waba uzi aho wanyuza inkunga yawe ngo ushyigikire Abogezabutumwa hirya no hino ku isi, bityo ube ugize uruhare muri uwo murimo?

**Umugambi:** gukusanya inkunga izatangwa nk'ituro ridasanzwe ku cyumweru cy'Iyogezabutumwa

**Isengesho ryo gusabira gusabira ukwezi kudasanzwe kw'Iyogezabutumwa**

**Umunsi wa munani : Ku wa gatanu 18/10/2019**

**Indirimbo:** Musabe Nyirimyaka (reba Igitabo cy'Umukristu, indirimbo N 3, urup. 349)
**Isengesho**
**Insanganyamatsiko:** "Gusabira Abogezabutumwa"
**Ijambo ry'Imana:** Mt 9,36-38
**Umuyoboro w'ibitekerezo:**
- Abataragerwaho n'Inkuru nziza ni benshi. Abogezabutumwa ni bake kandi bahura n'ingorane nyinshi kandi zinyuranye kubera ko ubuhakanyi no kunangira by'abantu bigenda bigira imbaraga. Ese mujya mubatura Imana mu isengesho ryanyu rya buri munsi?
**Umugambi:** Kwiyemeza kuvuga isengesho ryo gusabira ukwezi kw'Iyogezabutumwa igihe cyose duteranye nk'abakristu no kuryigisha abatarizi.
**Isengesho ryo gusabira gusabira ukwezi kudasanzwe kw'Iyogezabutumwa**

**Umunsi wa cyenda: Kuwa gatandatu 19/10/2019**

- **Indirimbo:** muze mwese dushimire Imana (X 25)
- **Isengesho**
- **Insanganyamatsiko:** "Ubukristu butagaragaye ntacyo buba bumaze"
- **Ijambo ry'Imana:** Mt 5, 14-16)
- **Umuyoboro w'ibitekerezo:**

- Bishoboka bite ko umubare w'abakristu waba munini ariko ibikorwa byabo ntibigaragare? Ni ibihe bikorwa bigaragariza abaturanyi bacu ko twabatijwe?

**Umugambi:** Kurebera hamwe ingambatwafashe muri iyi Noveni n'ukuntu zashyizwe mu bikorwa.
**Isengesho ryo gusabira gusabira ukwezi kudasanzwe kw'Iyogezabutumwa**



**CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA**
**Direction Nationale des OPM**
**B.P. 357 Kigali / Rwanda**

**Ukwezi kudasanzwe kw'Iyogezabutumwa ku Isi hose: Ukwakira 2019**



# Noveni itegura Umunsi Mpuzamahanga w'Iyogezabutumwa kuva ku wa 11 - 19 Ukwakira 2019

**Noveni itegura Umunsi Mpuzamahanga w'Iyogezabutumwa 2019**

Bakristu bavandimwe dusangiye ukwemera, mu rwego rwa Kiliziya y'isi yose, buri mwaka ku cyumweru kibanziriza icya nyuma cy'ukwezi k'Ukwakira abakristu duhimbaza Umunsi Mpuzamahanga w'Iyogezabutumwa.

Muri uyu mwaka mu rwego rwo kwizihiza imyaka 100 ishize hasohotse urwandiko rwa gitumwa « Maximum illud » rwo ku wa 30 Ugushyingo 1919 rwa Papa Benedigito wa 15, Papa Fransisko Umushumba wa Kiliziya Gatolika ku isi yifuje ko ukwezi kwa cumi kose kuba ukwezi kwihariye kwagenewe Iyogezabutumwa ku isi hose. Ni muri urwo rwego Umunsi Mpuzamahanga w'Iyogezabutumwa w'uyu mwaka uzaba ku italiki ya 20 Ukwakira na wo ugomba gutegurwa no kwizihizwa n'abakristu bose ku buryo bwihariye. Mu gufasha abakristu kwitegura no kwizihiza neza uko kwezi mu buryo bukwiye, mu Miryangoremezo yose yo muri Kiliziya y'u Rwanda Komisiyo y'Abepisikopi ishinzwe Iyogezabutumwa yateguye Noveni rfite insanganyamatsiko igira iti: **Batisimu itugira intumwa: Kiliziya ya Yezu Kristu mu butumwa ku isi hose.** Iyi Noveni izatangira ku wa **gatanu tariki 11 Ukwakira 2019** irangire **ku wa gatandatu tariki 19 Ukwakira 2019.**

Buri munsi tuzajya dutangiza indirimbo, dukurikizeho isengesho, dusome insanganyamatsiko y'umunsi n'Ijambo ry'Imana tugomba kujya twunguranaho ibitekerezo, hanyuma dufatire hamwe ingamba. Tuzajya dusozesha Isengesho ryo gusabira ukwezi kudasanzwe kw'Iyogezabutumwa rikurikira:

**Isengesho ryo gusabira ukwezi kudasanzwe kw'Iyogezabutumwa**

*Mana Mubyeyi wacu,*
*Umwana wawe w'Ikinege*
*Yezu Kristu,wazutse mu bapfuye,*
*yahaye abigishwa be ubutumwa*
*bwo kujya ku isi hose*
*guhindura abantu bose ngo babe*
*abigishwa be.*
*Utwibutsa ko ku bwa Batisimu,*
*twese tugira uruhare*
*ku butumwa bwa Kiliziya.*
*Ku bw'Ingabire za Roho Mutagatifu wawe,*



*Duhe ingabire yo kuba abahamya b'Ivanjili*
*bagurumanamo ishyaka,*
*kugira ngo ubutumwa wahaye Kiliziya*
*bukomeze kwamamazwa ku isi hose,*
*haboneke uburyo bushya kandi buhamye bwo kubusohoza,*
*bityo buzanire isi ubuzima n'urumuri.*

*Dufashe gukora ibishoboka byose,*
*Kugira ngo abantu bose bamenye urukundo rukiza*
*N'impuhwe za Yezu Kristu,*
*Nyagasani n'Imana yacu,*
*We mubana mugategekana*
*Mu bumwe bwa Roho Mutagatifu,*
*ubu n'iteka ryose. Amen*

<u>**Umunsi wa mbere : Ku wa gatanu 11/10/2019**</u>

- **Indirimbo:** Nyagasani umwe (reba Igitabo cy'Umukristu indirimbo L 9, urup. 343)
- **Isengesho**
- **Insanganyamatsiko: " Uwabatijwe wese agomba kugira uruhare mu butumwa bwa Kiliziya"**
- **Ijambo y'Imana: Mt 28,19-20**
- **Umuyoboro w'ibitekerezo:**

- Kiliziya ifite ubutumwa bwo kwamamaza inkuru nziza mu mahanga yose, mu moko yose y'abatuye isi.
- Kiliziya ni Imbaga y'Imana y'umuryango w'abemera Kristu bose ( abemeye bakabatizwa)
- Buri mukristu afite inshingano yo gufatanya n'abandi mu butumwa bwa Kiliziya yinjiyemo ku bwa Batisimu, ubutumwa bwo Kogeza Ivanjiri ku isi,
**Umugambi:**
- Kurebera hamwe uko imirimo ya gitumwa ikorwa iwacu mu Muryangoremezo no kurebera hamwe uburyo bwo kuyikra uko bikwiye.

**Isengesho ryo gusabira ukwezi kudasanzwe kw'Iyogezabutumwa.**

<u>**Umunsi wa kabiri: Ku wa gatandatu 12/10/2019**</u>

- **Indirimbo:** Twe abayoboke ba Yezu Kristu (reba Igitabo cy'Umukristu indirimbo D23, urup.274)
- **Isengesho**
- **Insanganyamatsiko: "Kunga ubumwe mu butumwa"**
- **Ijambo ry'Imana:** 1 Kor 12,13)
- **Umuyoboro w'ibitekerezo:**



- Nk' abakristu tubanye dute? Turaziranye kandi turakundana? Dufatanya dute n'abaseserdoti n'abihayimana mu butumwa bwa Kiliziya? Tuzi neza inshingano za buri wese muri twe?

**Umugambi:**

Kurushaho kumenyana no gusobanukirwa n'inshingano ya buri wese muri Kiliziya.

- **Isengesho ryo gusabira ukwezi kudasanzwe kw'Iyogezabutumwa.**

<u>**Umunsi wa gatatu: Ku cyumweru 13/10/2019**</u>

- **Indirimbo:** Ndi umukristu ndi uwa Yezu (reba Igitabo cy'Umukristu, indirimbo L5, urup. 338)
- **Isengesho**
- **Insanganyamatsiko:** "Guha agaciro Batisimu twahawe"
- **Ijambo ry'Imana 1 Kor 9,19**
- **Umuyoboro w'ibitekerezo:**

- ubatijwe ahinduka umwana w'Imana na Kiliziya. Ese koko nitwara nk'umwana w'Imana na Kiliziya? Ni uruhe ruhare ngira mu kubaha kwa Kiliziya, Umuryango wanjye?
**Umugambi:** kugaragaza imyitwarire ihesha Imana ikuzo no guhitamo ibikorwa 2 bigamije kwamamaza Inkuru Nziza tuzakora (Kugandura abaguye, kwigisha abapagani mu mbibi za C.E.B)

- **Isengesho ryo gusabira gusabira ukwezi kudasanzwe kw'Iyogezabutumwa**

<u>**Umunsi wa kane : Ku wa mbere 14/02/2017**</u>

- **Indirimbo:** Ndashaka kugukorera Nyagasani (reba singizwa 7 (77) urup. 53)
- **Isengesho**
- **Insanganyamatsiko:** "Imana ishaka ko abantu bose bakira"
- **Ijambo ry'Imana:** 1 Tim 2, 1-7
- **Umuyoboro w'ibitekerezo:**

- Ese nta bantu muturanye bataramenya Ivanjili? Nta bakristu muturanye bataye ukwemera cyangwa b'akazuyazi?
**Umugambi:** gukora urutonde rw'abo tuzi bakeneye gufashwa mu bukristu no kugena abazafasha n'uburyo bazabafasha kugarukira Imana

- **Isengesho ryo gusabira gusabira ukwezi kudasanzwe kw'Iyogezabutumwa**